INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI MU RWANDA

B.P. 3817 KIGALI - TEL/FAX : 86871

093

# IKIZAMINI CYA LETA CY'AMASHURI YISUMBUYE 2002/2003

**IKIZAMINI : KINYARWANDA V**

**URWEGO : ICYICIRO RUSANGE**

**IGIHE KIMARA : Amasaha 3**

**AMABWIRIZA :**

**Ikizamini kigizwe n'ibice bine :**

Igice cya mbere : kumva no gusobanura umwandiko **(amanota 35)**

Igice cya kabiri : ikibonezamvugo **(amanota 40)**

Igice cya gatatu : ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 5)**

Igice cya kane : ihimbazamwandiko **(amanota 20)**

Amanota yanditse imbere ya buri kibazo.

Subiriza mu ikaye yabugenewe

Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.

Ireme n'intego bigomba gutungana.

Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo mu ihimba mwandiko.

**N'AHO MISEKE NDARWANYA !**

Uyu mugani umuntu awuca iyo abangamiwe n'ingorane bikarimbanya; ni bwo abona ko agiye guseba agakorwa n'ikimwaro, noneho akihagarararaho agira ati "N'aho Miseke ndarwanya !" Wakomotse kuri Miseke w'i Nyabimata ho muri Nshiri (Gikongoro); ahayinga umwaka w'i 1700.

Miseke uwo yari atuye aho i Nyabimata ku nkiko y'Abadahemuka. Akaba intwari cyane; ndetse ngo we na Rugimbana rwa Matabaro wishe Makungu, umugaba w'ingabo z'Abarundi ni bo babaneshheje ku gitero cyabo cyitwa Rwagatana. Ariko muri ubwo butwari bwe, agakubitiraho no kugira umwaga mu rugo rwe : umugore we wa mbere bari baratanye, batanyijwe n'uwo mwaga we wo kurwana. Arongoye n'undi wa kabiri na byo biba nk'uko; yongeye no kurongora uwa gatatu, na bwo bimera nk'iby'abambere. Hanyuma amaze gusaza, bene wabo baramukuba; bati "Mbese Miseke uzahereza he iryo rwana ryawe ryakubujije kuremya abagore, none ukaba ugiye guhenuka uhambishijwe ikara ?" Bati " Ese ugira ngo abagore na bo babamo ababisha nk'Abarundi ?" Miseke arabasubiza, ati "Abagore bo mu Badahemuka barananiye, sinzongera kuhashaka undi; nzareba ahandi hatari ino njye gushakayo"; ati "Kandi sinzongera kurongora, nzashaka umusumbakazi ndebe ko na we azananira ".

Miseke rero akagira inshuti ku nkiko y'Abashumba, ku musozi Cyahinda. Aragenda ayibwira ko izamushakira umugore wo kureshya busumbakazi. Imurangira umugore w'ikirongore utwite; ariko ngo uwo mugore yagiraga amahane asumbye aya Miseke. Miseke aramureshya, aratebutsa, arashyingirwa. Umugore araherekezwa ajya mu Badahemuka i Nyabimata. Amaze kugerayo, bene wabo wa Miseke baramubwira, bati "Dore umaze gukura none uzihanganire kudatongana no kurwana n'umugore. Miseke, ati "Nzapfa kwihangana".

Nuko wa mugore wa Miseke abyara umwana wa ya nda yatahanye. Haciyeho iminsi asama indi. Imaze gukura ingeso ya Miseke irabyuka; agahora ashaka kurwana n'umugore. Barumuna ba Miseke baramubwira, bati " Nuramuka urwanye n'uriya mugore, umenye ko tuzamutabara ". Miseke ingeso iramuganza aratongana. Atonganye umugore arashega. Miseke ararakara arahubuka aramusingira; akimusingira, umugore aramuterura amukubita hasi amuterera ku wa Kajwiga amujya hejuru aramuniga. Barumuna ba Miseke barahubuka baje gutabara uwo mugore. Bagezeyo basanga ni we uri hejuru y'umugabo amuniga. Babibonye barihagararira; bati "Nimureke amunige amuvanemo amahane ye".

Muka Miseke aramuniga aramunigagura, ata urufuzi. Abandi bariyamira ! Babonye ko Miseke amaze kuremba, bamumukura hejuru ; ariko umugore yamushegeshe. Bagumya kumuseka. Amaze gutururukwa mu kwikura ikimwaro aravuga, ati "N'aho bashahu Miseke ndarwana !

umuntu warwanye n'abantu babiri ndi umwe tukageza magingo aya !" Ubwo yavugaga umugore we n'umwana atwite.

Nuko kuva ubwo amashagaga ye aramukuka arakunda araremya. Ni aho umugani wakomotse; umuntu yaba akubwe n'impurirane z'ayabagabo bikarimbanya, kugira ngo abambire isoni n'ikimwaro; akawiziguza agira ati: "N'aho Miseke ndarwana !" - Kurwana aka Miseke : kwihangana. Kutaba Miseke igoroye na byo ni ukuba utoroshye, kuba muhimuranyi.

**IGICE CYA MBERE :**

**A. KUMVA UMWANDIKO** **(amanota 14)**

1. Miseke yari intwari izwi, ibigwi bye yabyerekaniye hehe ? **(1)**

2. Yashatse abagore bangahe ? Batandukanywaga n'iyihe ngeso ? **(1)**

3. Andika amazina 2 y'imitwe y'ingabo z'u Rwanda rwa kera ari mu mwandiko, yahawe n'uturere zari ziganditsemo.
   Turi mu zihe ntara z'ubu ? **(2)**

4. Inshuti ye yari ituye i Cyahinda yamumariye iki ? **(1)**

5. Umugore wa nyuma wa Miseke babyaranye abana bangahe ?
   Mu Kinyarwanda, uwo mwana yabyariye kwa Miseke yitwa mwana ki ? **(2)**

6. Barumuna ba Miseke bapfanaga iki n'umugore we ?
   Batabaye bate mukuru wabo ? **(2)**

7. Ese twavuga ko Miseke n'umugore we baguye miswi ? Kuki ? **(1)**

8. Miseke yahanganye ate n'abantu babiri ? **(1)**

9. "Kurwana n'inka zarabiretse" Gira inama 2 umugabo n'umugore babigize akamenyero. **(1)**

10. Mu Kinyarwanda, umugore witegekera umugabo nka Mukamiseke bamwita iki ? Miseke yacishije make kugira ngo agire amahoro.
    Ubwo yahindutse iki ? **(2)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO :**

11. **Sobanura amagambo akurikira** **(amanota 10)**

(a) gukorwa n'ikimwaro **(1)**
(b) gushaka ukaremya **(1)**
(c) umusumbakazi **(1)**

(f) gutêerera umuntu ku wa kajwiga **(1)**
(g) amashâgaagâ **(1)**
(h) guhâambanwa ikâra **(1)**

(d) inkîiko (inyito 2) **(1)**

(e) kurêshya (umugeni) **(1)**

(i) kutâba miseke igoroye **(1)**
(koresha inshinga iri mu mbundo)

(j) guta urufuzi **(1)**

**C. IMPUZANYITO**

12. **Shaka impuzanyito z'amagambo ya A muri B.** **(amanota 5)**

| A | B | |
|---|---|---|
| (a) Gukûbaakuba | (1) gutebutsa | **(1)** |
| (b) gutwâara inda | (2) kugira umwaga | **(1)** |
| (c) kumenyesha umunsi w'ubukwe | (3) gukomeza | **(1)** |
| (d) kurangwa n'umushiha | (4) gutwita | **(1)** |
| (e) kuriimbaanya | (5) kwihererana (umuntu) | **(1)** |

**D. IMBUSANE**

13. **Andika imbusane z'aya magambo** **(amanota 5)**

(a) intwari ≠.......... **(1)**

(b) hejuru ≠.......... **(1)**

(c) umubisha ≠.......... **(1)**

(d) gusuumba ≠.......... **(1)**

(e) gutabaara ≠.......... **(1)**

**IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO**

14. **Andika ubwoko bw'amagambo akurikira aciyeho akarongo** **(amanota 8)**

(a) Miseke yananiranywe n'abagore bo muri ako karere **(4)**

(b) Uwo mugabo ati "nzashaka ahandi hantu hatari ino njye kurambagizayo ". **(3)**

(c) Yoo ! Yarababaye disi we ! **(1)**

15. **Andika inteko cyangwa ngenga z'amagambo aciyeho akarongo** **(amanota 5)**

(a) Yashatse n'uwa gatanu. **(1)**

(b) Nuko abyara umwana wa yâa nda. **(2)**

(c) Ngo na we yari afite amahane asumbye ay'umugabo we. **(1)**

(d) Dore umaze gukîra none uzihangane. **(1)**

16. **Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi (mu mpine) byubahirijwe mu magambo aciyeho akarongo.** **(amanota 8)**

(a) Ingeso yaganje Miseke. **(2)**

(b) Ese uzahereza he iryo rwana ryawe ? **(1)**

(c) Na we ati " ndabyanze " **(2)**

(d) Mukamiseke yari afite inda y'imvutsi ubwo yamwirenzaga. **(2)**

(e) Ni bwo ashatse gatatu. **(1)**

17. **UBUTINDE N'AMASAKU :** **(amanota 9)**

**a) Tandukanya amagambo yandikwa atyo ukoresheheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso.**

**(amanota 5)**

kureshya (umugeni) ≠............(kudasumbana) **(1)**

gusaza ≠............ **(1)**

kuremba (urwâaye) ≠............ **(1)**

kurega (mu nkîiko) ≠............ **(1)**

**b) Komeza uwo mwitozo kuri izi nteruro ngufi** **(amanota 5)**

" Naho Miseke ndarwana ! Umugabo muzima nkanjye wahanganye n'abantu babiri guhera mu ruturuturu kugeza n'ubu ! ". **(5)**

18. **IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA** **(amanota 10)**

(a) **" i "** y'indangahantu ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa ite ? Tanga urugero mu nteruro ngufi itarenze umurongo umwe. **(1)**

(b) **(?)** kiitwa ..... gakoreshwa ryari ? Tanga urugero rw'interuro ngufi y'umurongo umwe. **(2)**

(c) Interuro itangara, itangira ite ? irangira ite ? Tanga urugero. **(2)**

(d) Kosora izi nteruro ukurikije imyandikire yemewe. **(5)**

"Umugore wa miseke yali indgwanyi ikomeye nkawe; nabaramube

baramutinyaga; Basaba uwabo kworoshya umwagawe no kumukomeramu mashyi." **(5)**

19. **IGICE CYA GATATU :**

**Ubumenyi rusange bw'ururimi.** **(amanota 4)**

(a) Uburezi butaniye hehe n'uburere duhabwa ? **(1)**

(b) Iyo bavuze ururimi twumva ibintu 2 Ni ibihe ? **(1)**

(c) Tanga amagambo yabugenewe asobanura :

- utwivugo tw'abana
- amashyengo y'abasizi bahimba ku nyamaswa. **(2)**

(d) Umugani mugufi utaniye hehe n'insigamigani ? **(1)**

**IGICE CYA KANE :**

**IHIMBAMWANDIKO** **(amanota 20)**

**Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko 3 zikurikira uyivanemo umwandiko muremure ufite imirongo 25 y'amagambo 8 umwe umwe.**

20. Ababyeyi babanye neza bita ku burere bw'abana babo. (Mbere yo kwanzura, tanga ingingo 4 nibura zigaragaza ibyo baababgezâhô).

21. Kugerageza gukemura ibibazo si ko kubishobora. (N'aho Miseke ndarwana). Uhereye ku buzima bw'abanyeshuri erekana ingingo 4 zishimangira ibyo iyo nteruro ihamya ubone kwanzura.

22. Ishuri ryishoboye kandi riyobowe neza ritsindisha benshi. Uhereye ku ngingo 4 zifatika erekana ibishobora gufasha abanyeshuri gutsinda bishimishije.

**BLANK PAGE**

**BLANK PAGE**